# 114: Kuva Ubu Sintinya Ibizaba Ejo

1.

Kuva Ubu Sintinya Ibizaba Ejo
Ibyago Cyangwa Amahirwe
Nzi Byose Ko Imana Ibitegeka
Kwiganyira N'uk'ubusa.

Ref:

Mbeshwaho No Kwizera Yesu
Niringiye Imbabazi Ze
Mbumbatiwe N'umukiza Unkunda
Nizeye Yesu Nta Bwoba Mfite

2.

Umwanzi Satani Yangerageza
Nkabona Amakuba Menshi
Nzi Yuko Umukiza Azamba Hafi
Njye Mwisunga,Mwihishemo.

3.

Numva Amatsiko Mu Mutima Wanjye
Yo Gucya K'umunsi Mwiza
Yesu Ubwo Azagaruka Kunjyana
Mu Rugo Rwe Rwo Mw'ijuru

Visit us at indirimbo.com